REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 20 KAMENA 2014.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa **20 Kamena 2014** yitabirwa n'abajyanama 26 kuri 28 bagombaga kuyitabira.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Kurahiza umujyanama rusange w'Umurenge wa Kigoma Bwana BUTERA Denys;
2. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 14/02/2014 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mubikorwa;
3. Kwemeza ubwegure bw'umujyanama UMUGWANEZA Marie;
4. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere
5. Raporo y'imihigo 2013-2014
6. Raporo ya Komite Ngenzuzi(Audit Committee)
7. Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Akarere mu mwaka wa 2014-2015 n'ibikorwa by'ingenzi bizagaragara mu mihigo ya 2014-2015;
8. Kwemeza ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2014-2015;
9. Kwemeza ingengo y'imari ya 2014-2015(Budget 2014-2015)
10. Gusuzuma no kwemeza imyanzuro y'amakomisiyo ya Njyanama y'Akarere

11. Kwiga ku bibazo by'abaturage;
12. Kwemeza gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere muri 2014-2015;
13. Kwemeza ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mwaka wa 2014-2015
14. Ibindi: Kwemeza jumelage hagati y'Akarere ka Huye n'Umujyi wa Limbiate wo muri Butaliyani.

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 14 Gashyantare 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo;
ii. Kwemeza ubwegure bw'umujyanama UMUGWANEZA Marie wari uhagarariye urubyiruko mu Nama Njyanama y'Akarere ka Huye;
iii. Kwemeza raporo y'imihigo y'Akarere ya 2013-2014;
iv. Kwemeza imyanzuro ya Komite Ngenzuzi y'Akarere;
v. Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Akarere mu mwaka wa 2014-2015 n'ibikorwa by'ingenzi bizagaragara mu mihigo ya 2014-2015;
vi. Kwemeza ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2014-2015;
vii. Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ya 2014-2015 ingana na miliyari cumi n'ebyiri, miliyoni magana atandatu mirongo ine n'imwe, ibihumbi mirongo itatu na bitatu n'ijana na mirongo itanu n'abiri(**12,641,033,152frw**);
viii. Kwemeza imyanzuro y'amakomisiyo ya Njyanama y'Akarere;
ix. Kwemeza gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere mu mwaka wa 2014-2015;
x. Kwemeza ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mwaka wa 2014-2015
xi. Kwemeza jumelage hagati y'Akarere ka Huye n'Umujyi wa Limbiate wo mu Butaliyani;

Ibyemezo

1. Inama Njyanama yasubitse ingingo ya mbere ijyanye n'irahira ry'umjyanama rusange w'Umurenge wa Kigoma Bwana BUTERA Denys kubera ko abacamanza bafite ububasha bwo kurahiza badahari.

2. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 14 Gashyantare 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kuzasura abaturage bubakiwe amazu y'imidugudu na Leta mu Murenge wa Tumba, mu Kagari ka Mpare, mu midugudu ya Musanga n'Akarugiranka bagasobanurirwa uko ikibazo giteye n'aho kigeze gishakirwa igisubizo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama yemeje ubwegure bw'umujyanama UMUGWANEZA Marie wari uhagarariye urubyiruko mu Nama Njyanama y'Akarere ka Huye. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere yayemeje kandi ishima ibikorwa byakozwe. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama imaze kugezwaho aho imihigo ya 2013-2014, igeze ishyirwa mu bikorwa, yashimye uburyo yashyizwe mu bikorwa, isaba gukomeza gushyira ingufu mu mihigo itaragera ku kigero cyi 100%. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama imaze kugezwaho imyanzuro yafashwe na Komite Ngenzuzi y'Akarere yemeje ikurikira:

- Yemeje raporo y'ubugenzuzi bwite w'Akarere ka Huye y'igihembwe cya mbere, icya kabiri n'icya gatatu 2013-2014;
- Yemeje urugendo shuri rw'abagize Komite Ngenzuzi ruzaba kuwa 14-16/08/2014;

- ❖ Yemeje ko abagaragaweho amakosa y'itangwa ry'amasoko ku buryo bunyuranyije n'itegeko, Komite Nyobozi y'Akarere ibandikira ibasaba ibisobanuro kandi bakazaganirizwa ku itegeko ry'itangwa ry'amasoko ya Leta;
- ❖ Ku birebana n'ibyemezo bifatwa n'inzego zitandukanye zo mu bigo bishamikiye ku Karere nka: Komite z'ababyeyi, Komite z'ubuzima, n'Inama z'ubuyobozi, yemeje ko mbere y'uko bishyirwa mu bikorwa bizajya bibanza ku nyuzwa k'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere akabisuzuma, akabishyikiriza Komite Nyobozi y'Akarere ikabyemeza mbere y'uko bishyirwa mu bikorwa;
- ❖ Ku bigo byagaragayeho ko bitishyuye umusoro wa 3% kuri ba Rwiyemezamirimo banyuranye bishyuwe n'ibyo bigo, hatanzwe inama ko ibyo bigo byakora declaration rectificative mu rwego rwo kwirinda ibihano;
- ❖ Yemeje ko ku bigo byagaragayeho kwishyura nta nyemezabwishyu muri raporo y'ubugenzuzi bwite bw'Akarere, Akarere kabisuzuma neza, maze ababikoze bakabihanirwa hakurikijwe amategeko y'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta;
- ❖ Yemeje ko abakozi bagaragaweho gucunga nabi imari n'umutungo bya Leta bahamagarwa na Komite Ngengamyitwarire y'Akarere (Disciplinary Committee) bagatanga ibisobanuro ndetse bakagirwa inama;
- ❖ Ku kibazo cyagaragaye muri raporo y'ubugenzuzi bwa GS Rukira mu murenge wa Huye kirimo imicungire mibi y'ibikoresho bya 9&12 YBE ndetse n'ishyirwa mu myanya ry'abakozi, yemeje ko uwahoze ayobora icyo kigo cya RUKIRA ahamagarwa muri Komite Ngengamyitwarire y'Akarere akabazwa ibijyanye n'iyo mikorere;
- ❖ Yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana ku buryo bwihuse imikorere idahwitse y'umucungamari wa GS Kinazi Bwana NSHIMYIRYAYO Ange wagaragaweho imikorere idatanga ikizere haba mu micungire y'imari ndetse n'imyitwarire;
- ❖ Mu kigo nderabuzima cya Rwaniro aho umugenzuzi yasanzehari amafaranga yishyuwe umukozi wagiye mu butumwa bw'akazi isnhuro zirenze imwe ku munsi, Inama Njyanama yagaye iyo mikorere ndetse

inasaba ko Umuyobozi w'icyo kigo nderabuzima ahamagarwa agatanga ibisobanuro kuri iyo mikorere idasobanutse.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama yemeje gahunda y'ibikorwa by'Akarere mu mwaka wa 2014-2014 n'ibikorwa bizagaragara mu mihigo ya 2014-2015 nk'uko igaragara ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Inama Njyanama yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2014-2015, imaze kubyunguranaho ibitekerezo nk'uko bigaragara ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2014-2015 ingana na miliyari cumi n'ebyiri, miliyoni magana atandatu mirongo ine n'imwe, ibihumbi mirongo itatu na bitatu n'ijana na mirongo itanu n'abiri(**12,641,033,152frw**)harimo amafaranga azinjira angana na **12,641,033,152** akaba ari nayo azasohoka. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama imaze gusuzuma imyanzuro ya komisiyo ziyigize, yemeje ikurikira:

- Yemeje ko hakorwa imishinga yanditse hakurikijwe amahirwe ari mu Karere ikajya ikorerwa ubuvugizi.
- Yemeje ko buri mwaka, abagize Komisiyo y'imari n'Iterambere ry'ubukungu bajya bamurikirwa ishyirwamubikorwa rya PDD y'Akarere bakayihuza na gahunda y'ibikorwa by'Akarere bya buri mwaka. Ibyo bikajya bibera mu nama ya Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'ubukungu y'ukwezi kwa Gashyantare kwa buri mwaka.
- Yemeje ko mu rwego rwo kuzuza neza inshingano z'abajyanama, mu gihe hateganywa Inama Njyanama y'Umurenge, Umujyanama w'Akarere uhagarariye uwo murenge agomba guhabwa ubutumire bwayo kandi Akarere kakamworohereza uburyo bwo kugerayo nk'uko bigenda mu gihe yamanutse mu Murenge we rimwe mu gihembwe.

- Yemeje ko mu rwego rwo gushyigikira urubyiruko rwacu, hakwiye gukorwa inyigo y'imishinga y'urubyiruko bigendeye kuri'' Potentialites'' za buri murenge, Akarere kakajya kagira icyo karuteganiriza ku ngengo y'imari, haboneka n'abafatanyabikorwa bagashishikarizwa kuyitera inkunga, kandi mu mihigo buri Murenge ukajya uteganyamo nibura igikorwa kimwe cy'urubyiruko rwawo.
- Yemeje ko hashyirwa imbaraga mu gikorwa cyo gushakira icumbi abanyarwanda birukanwe muri Tanzaniya ku buryo amazu yabo yaba yuzuye bitarenze ukwezi k'ukwakira 2014;
- Yemeje ko ubuyobozi bw'Akarere bwategura amahugurwa ya Komite z'ababyeyi zibutswa inshingano zazo kugirango zirusheho kujya zikurikirana uburere bw'abana ku ishuri.
- Yemeje ko mu rwego rwo gukomeza kurinda ibidukikije, Ubuyobozi bw'Akarere ko bwateganya uburyo bunoze bwo gukusanya imyanda iva mu ngo n'ahahurira abantu benshi.
- Yemeje ko habaho amahugurwa y'Abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari ku mikorere y'inteko z'abaturage hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe.
- Yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ireba icyakorwa kugirango ikibazo cy'imiryango yashyingiranwe mu buryo bw'ubudehe ikaba ntabyangombwa ifite gikemuke.

13. Inama Njyanama imaze gusuzuma ibibazo by'abaturage bijyanye n'ubutaka yafashe imyanzuro ikurikira:

- Ku kibazo cya Bwana RUNYANGE Médard, Inama Njyanama yemeje ko ahabwa ingurane y'ubutaka bungana na **1861m²** buherereye mu Murenge wa Huye, mu Kagari ka Sovu, mu Mudugudu wa Rwezamenyo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.
- Ku kibazo cya MUKAMUSONI Epiphanie na DUSINGIZUMUREMYI Alfred, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana ibibazo byabo, bikazafatwaho umwanzuro mu Nama Njyanama itaha. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

- Ku kibazo cya Diyoseze ya Butare, Inama Njyanama yemeje ko ihabwa ingurane y'amafaranga miliyoni enye ibihumbi mirongo itanu n'umunani magana arindwi mirongo irindwi n'atanu(**4,058,775frw**)ahwanye n'agaciro k'ikibanza cyubatswemo Umurenge wa Mukura. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

14. Inama Njyanama yemeje gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere mu mwaka wa 2014-2015 ku buryo bukurikira:

IGIHEMBWE	**ITARIKI**
Igihembwe cya I	19/09/2014
Igihembwe cya II	19/12/2014
Igihembwe cya III	20/03/2015
Igihembwe cyaIV	19/06/2015

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

15. Inama Njyanama yemeje ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mwaka wa 2014-2015 ku buryo bukurikira:

AMAZINA	**ICYO ASHINZWE**	**IGIHE YAFATIRA IKIRUHUKO**
KAYIRANGA MUZUKA Eugène	Umuyobozi w'Akarere ka Huye	15/11/- 14/12/2014
NIWEMUGENI Christine	Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibere myiza	15/12/2014-13/01/2015
MUTWARASIBO Cyprien	Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu	15/01/-13/02/2015

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

16. Inama Njyanama yemeje umubano(jumelage)hagati y'Akarere ka Huye n'Umujyi wa Limbiate wo mu Butaliyani(Italie). Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Bikorewe I Huye, kuwa 20.06.2014

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama Njyanamay'Akarere ka Huye

Rev Dr Viateur NDIKUMANA
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye